RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
P.O. Box 84 Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

Kigali kuwa, 28/09/2020
Ref. N^{o}:DIS/2131/FDA/2020

Abafite inganda zikora inzoga (Bose)
Abakwirakwiza inzoga (Bose)
Abadandaza (Bose)
Abaturarwanda (Bose)

Bwana/Madamu

Impamvu: Itangazo ribuza gupfunyika inzoga mu macupa ya pulasitike.

Hashingiwe ku itegeko N^{o}:003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 rishyiraho ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8, igika cya 2 n'icya 13,

Hashingiwe kandi ku bugenzuzi bwakozwe na Rwanda FDA ahantu hatandukanye, aho byagaragaye ko hari ibinyobwa birimo alukolo (inzoga) bigipfunyikwa, bigakwirakwizwa ndetse bikagurishwa mu macupa ya pulasitike ; Rwanda FDA iramenyesha ibi bikurikira:

Isobanurampamvu

Ibikoresho byagenewe gupfunyika ibiribwa bikorwa hagamijwe kubika, gutwara no kurinda ibibitswemo kwandura. Binatuma kandi ikiribwa gipfunyitsemo kibasha kumara igihe cyagenewe kumara kitaratakaza umwimerere n'ubuziranenge bwacyo, ni yo mpamvu ibyo bikoresho bitagomba kwivanga n'ibiribwa byapfunyitswemo kugirango bidateza ingaruka mbi ku buzima bw'ababiriye cyangwa babinyoye.

Mu itegeko ry'ibihugu by'iburayi N^{o} 1935/2004 hagaragazwa ko "Igikoresho cyose cyagenewe gupfunyikwamo ibiribwa/ibinyobwa kigomba kuba gikoze ku buryo kirinda ibikigize kwivanga n'ibiribwa bipfunyitsemo ku kigero cyashyira mu kaga ubuzima bwa muntu cyangwa se kigateza impinduka zibujijwe mu bigize icyo kiribwa bikaba byanagitera guhindura umwimerere."

Gupfunyika inzoga mu macupa ya pulasitike bituma inzoga zitakaza umwimerere bityo igihe iyo nzoga yakagombye kumara kigabanuka.

Amwe mu macupa ya pulasitike akozwe mu binyabutabire nka Bisphenol-A (BPA), iyo bihuye na alukolo, bishobora kwivanga mu kinyobwa cyane cyane igihe ubushyuhe ikinyobwa kibitsweho bwiyongereye.
Andi macupa ya pulasitike akozwe mu binyabutabire byitwa polyethylene terephthalate (PET) yigiramo ibinyabutabire bishobora gutera kanseri byitwa diethyl hydroxylamine (DEHA). Ibyo binyabutabire bishobora kwiyongera cyane iyo amacupa apfunyitsemo alukoro abitse igihe kirekire ku bushyuhe buri ku kigero cyo hejuru.

Mu rwego rwo kubungabunga umwimwerere n'ubuziranenge bw'inzoga ku isoko ry'u Rwanda no kurinda ubuzima bw'abantu muri rusange, Rwanda FDA irasaba ibi bikurira:

1. **ABAFITE INGANDA ZIKORA INZOGA**

   - Bagomba gupfunyika mu macupa y'ibirahure nandi yaba yemewe inzoga zose zaba zikozwe mu bitoki (urwagwa), mu bimera bitandukanye harimo na tangawizi, na divayi.

2. **ABAKWIRAKWIZA INZOGA**

   - Guhagarika kwacyira no gukwirakwiza ibinyobwa birimo alukolo bipfunyitse mu macupa ya pulasitike no gutanga amakuru ku bagipfunyika inzoga mu macupa ya pulasitike.

3. **ABADANDAZA INZOGA N'ABAFITE AMADUKA**

   - Guhagarika kwakira no kugurisha ibinyobwa birimo alukolo bipfunyitse mu macupa ya pulasitike no gutanga amakuru ku bagipfunyika n'abaranguza inzoga mu macupa ya pulasitike.

4. **ABANYWA INZOGA**

   - Kutagura inzoga zipfunyitse mu macupa ya pulasitike no gutanga amakuru ku bagipfunyika n'abagurisha inzoga mu macupa ya pulasitike.

Icyitonderwa: Abashaka gusaba ibisobanuro ndetse no gutanga amakuru ku bagipfunyika n'abagurisha inzoga mu macupa ya pulasitike bahamagara kuri 0789 19 35 29.

Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

Digitally signed by
Rwanda FDA (Ag DG)
Date: 2020.09.28
11:26:08 +02'00'

Dr. Charles KARANGWA
Umuyobozi Mukuru w'agateganyo

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

Ishakiro:

1. Cristina Bach, Xavier Dauchy, Marie-Christine Chagnon, Serge Etienne. Chemical migration in drinking water stored in polyethylene terephthalate (PET) bottles: a source of controversy. Water Research, IWA Publishing, 2012, 46 (3), pp. 571-583. ff10.1016/j.watres.2011.11.062ff. ffhal-00683918f. Available on https://hal.archives-ouvertes.fr/hal-00683918/document

2. Natural Resources Defense Council, 2008. Chemicals in Plastic Bottles. Available on https://www.nrdc.org/sites/default/files/bpa.pdf

3. Piselli A, et al (2014). Natural-based coatings for food paper packaging, International Journal of Design Sciences and Technology, volume 20:1, pp 55-78

4. RSB announcement on packaging bottles for Gin manufacturing, 2014. Available on https://rsb.gov.rw/index.php?id=34&tx_news_pi1%5Bnews%5D=141&tx_news_pi1%5Bcontroller%5D=News&tx_news_pi1%5Baction%5D=detail&cHash=6efaaca853b1fb5efc44769027c75dfe

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority